AMAYAGA

By Alexandre Kimenyi

Reka mbaratire intara y'amataba atagira uko asa
Aho abato bayaga itoto
Aho batuye abategarugore bateye neza
Batigisa amatako atatse amatana y'imitamu
Bafite umutima utuje mu gituza
Batwite ubutwari butamirije urugwiro
Batoza ibitugu biteretse amajosi y'imitarati
Bagatetesha amatama atonnye ibitwenge.

Amaso abahanze imboni ntahaga
Abaharikira rimwe ntahagarike kubaharara
Akananirwa guhumbya kubera guhimbarwa
Wababona ibyano ukabira ibyuya
Wabarora ingendo bagorora ingingo ugahinduka indembe
Yarabaremye ntiyabaremaza
Barakumara iyo bagendera ikimero
Uko bameze ubura aho ubakema
Umubiri wose urera ibibero biberewe n'amaribori.

Abahungu b'aho ni abahigi bakaba n'abahizi
Izo ntwari gutwara umuheto birazizihira
Ni abasore basobetse imbaraga
Ku rugamba ntibahaba ingimbi

N’ubwo ari indondogozi ku bo bakunda
Izo ndatwa ni indongozi
Ntibadindira bumvise induru.

Reka mbatsitsimurire amatsiko
N’ubwo mpaheruka inzira kuri Nzeri
Ako karere kararanye uburere
Ngiye kuvuga mu muvugo ni ho mvuka
Amayaya akwiye amagana ni ko hitwa.

Ndatangirira ku murenge w’ikirenga
Mve ku birenge bisasiwe n’Agasasa
Bikiyorosa ibirago by’imigaga n’imigunga n’imigenge
Nzamuke nywugwe mu ntege
Ntambuke umucyamu umbere umucyo
Ningera mu rubavu nshire ishavu
Mu gituza cyawo ni ho dutuye
Mu Mahoro ni ko tuhita
Ningera mu bitugu ndagira ituze
Mpora mpakumbura ni mu Bikumba
Ndakomeza nterere ako kanunga
Nongere intege nzinginge
Zingeze ku mutwe wa Mutima ari ho mu Bitwa
Nicare hafi y’ibicu
Intebe y’inteko nyitengamaremo
Mpimbe ayomarembo anteretse imbere.

Ariko reka mbanze ncurike amaso

Ncurure umubyimba w'uyu murambi ukabya umurimbo

Uratambuka ukawutambika ukawuharamba nturambirwe

Mu ku ibumoso uhagatiye umuhana

Ufite imiharuro ihatse imiharata ugatengatira Ikizengati

Mu ku iburyo ucigatiye Ibigarama

Ukenyeye uruyange rusa n'inyange

Ukitera amahundo ku muhindo

Umushumi unyosha uwukirigita umukondo

Uwo mukandara uwukanda mu nda

Uhora uhinda imodoka nturahindana

Wahindutse umudugugu imiduga iraduhira

Nyirabayazana ni peyizana

Ku kibero hakuno y'i Kibirizi hariho ikibibi

Cyaratutumbye kiba inganzamarumbu

Kirashibuka amashami aragishima

Irya Nyakanga iyo rimennye agahanga

Uwo munyinya waramenyekanye

N'igiti cy'urugangazi witwa Rugara

Nkubito y'Imanzi ni ho yamariraga imanza

Isata y'isatura yayirangirijemo urusasu

I Matara yahagaritse mugara

Urwamu rw'imbunda rugakwira u Rwanda

Ab'i Mututu n'i Rutete bari baratutubikanye ubwoba

Bakavuza impundu

Abagore b'i Mpanda bakambara impumbya

Imbuye yose igakoma yombi.

Kurebera hano Maraba na Marabage

Usanga ari amarebe akurembuza

Gisasa na Gisayura bisa n’amasimbi

Ku Rutarerwingwe hameze nkaharabwe ingwa

Uhereye i Muhero ugaterera Gatara

Uciye ahahoze ari kwa Condo

Ugacunshubuka ugana ku isoko

Ukiburukira i Bugari ku ntyoza z’i Ntyazo

Iyo amajuru yabiye ikawa ikarabiriza rimwe

Usanga urwo ruhererekane rw’urwererane

Rwabaye urukerereza.

Iburengerazuba Ubuhanga ni bwo bihangikanije uruhanga

Zanywanye igihango ku manywa y’ihangu

Kagunga ibwerekeje umugongo

Inzira ijyayo uri ku Ruyenzi

Ni ukwihina mu cyanzu mu cyayi cyo mu Cyiri

Abakire b’i Cyotamakara bahafite icyate

Ifumbire yacyo imanuka i Gafumba.

Aho rirasira ahasiganira n’Ubugesera

Abasare gusesekarayo banyura i Busoro

Abasore baho basokoza ibisage

Abasaza usanga basurana basekera ku gisoro

Imisozi imisange n’imisagara ni yo iyisakaye

Indi nzira ijyayo ni yo ku Ruteme

Ugateremuka ku mugunguzi wo ku Kurugunga

Aho igare rigarika ingongo n'ingarisi

Ugatambika umurambi urambitse imbere

Ukambuka Nyarubogo y'amazi y'urubogobogo

Ugafata akayira ko ku Muyira

Ugasatira misiyoni ya Nyamiyaga

Ukamanuka winjira i Murinja.

Ku majyepfo mu mpande z'u Burundi

Harahinda imirindi

Akanyaru ni ho kanyura

Kakoga urwo rufunzo

Kakibira muri Cyohoha

Kagaserukira mu Bugesera

Kahagera kakaba Akagera

Kahagonganiye na Nyabarongo.

Reka mpindukire ndebe ibinyihishe inyuma

Amaso anyuremo anyurwe

Mbibashushanyirize nishimye

Ntere imyoma ntambe imyato

Ndebe ayo masambu ari ku isamburuma

Nsingize izo nsika z'iyo ngoro nsozereze ku Busanza.

Saruhembe igaritse amahembe

Ijosi rinigirije amasimbi

Yarimbye ngo bayihembe

Maze abasizi bayihimbe

Shari yarushijeho kuba ishoti

Yashize isoni ikura ishati

Yisakambuye impinga

Yiyambura umubyimba

Ngo tuyishime ubushishe bwayo

Nyamure n’ubwo iri kure

Yasumbye Mugandamure y’abaswayire

Ngo nayo imurike ntigire abaswa.

Reka mvuge n’imigufi idafuha

N’ubwo ari inkuku iteretse imfizi

Imfura zayo ziramira imfubyi

Imfuruka zaho zifubika uruhongore

Inyana ntizinyagirwe

Bagahorana umuhango wo guhora bagaba

Abo bagabo bakaba abagabe

Dore ko badahira birahira.

Maze Ingendombi imbise

Dore ko ihora ikubita imbisi

Ifite ibitare bishinyitse bishinyagurira ishinya

Amano ikayananiza agacumbagira ubunana

Abayacikaguritse bagacumbika

Inkubite izamba njye kuvumba i Cyimvuzo

Hahora ari ahambere ku musemburo

Ninitsamura banyihere umutsama

Intwererano ninyishima nti dukire twese

Ntabaguze mu ntabire z'i Cyitabaye

Nambuke Urwimbo

Nsige Gisagara inyuma

Nurire Akaririsi kareresa ibisabo

Nsure abana batagira uko basa Kalisa, Umulisa na Kabalisa

Nakire Mugina na Bugina

Njye mu Gati kwa Gitimujisho

Mfate Kayanza ngana i Nyanza

Umuhanda wo mu Ruhango nywereke igihandure

Ndamutse Agasoro na Mutende

Ningera i Kavumu umuvugo uvumere

Ngane mu Ngorongari

Aho ndahisanga

Uwo musozi usangiye isura n'umusangano n'Isonga

Nsatire Rusatira

Nduhukire i Kiruhura

Ijuru niryijima nzimirize i Kibinja

Yegeranye n'i Cyegera

Nsezere njye gusinzira

Urusango rw'insano rutansindisha.

Ngayo Amayaga ahora ayagirana

Yagiraga amariba meza

Amariza yayashotse akaba iribagiza

Amashashi ntiyirirwe agisha

Isha ntizishirane abahigi

Impondo n’imondo tugasangira amahundo

Ibibondo bigatoba utwondo

Bakabasasira bariye amasasa

Imisagara igasigara batarinze gusaranganya

Imimuna ikabahora mu munwa no mu minwe

Ntibagire inzara n’inyota iminyonza izitiye inzira

Iminazi ntitume bananirwa

Barya amakomo bagakomera

Hagakomoka imikoma idakomakomwa

Ibangwamo n’abahanga imiheto y’impotore

Ibifoteri ntibiyifore igifunga

Ikabashwa gusa n’abakogoto b’inkotanyi.

NB: *Uyu muvugo wahimbwa muri za 1980 mbere ya jenoside y’abatutsi yabaye muri 1994. Abo bose navugaga muri uyu muvugo, barishwe. Amazu yarashenywe, nta n’ibisigazwa by’amatongo. Ubu hose ni ibigunda, imihanda yabaye ibisibage.*